# Naseganye n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), yajyaga ivuga Asalam isoza iswalat ikareba iburyo bwayo ikavuga iti: "ASALAAM ALAYKUM WA RAHMATULLAH WA BARAKATUH: Amahoro n'imigisha bya Allah bibabeho", yarangiza ikareba ibumoso bwayo ikavuga iti: "ASALAAM ALAYKUM WA RAHMATULLAH WA BARAKATUH: Amahoro n'imigisha bya Allah bibabeho

Hadith yaturutse kwa Wa-il Ibun Hudj'ri (Imana imwishimire) yaravuze ati: Naseganye n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), yajyaga ivuga Asalam isoza iswalat ikareba iburyo bwayo ikavuga iti: "ASALAAM ALAYKUM WA RAHMATULLAH WA BARAKATUH: Amahoro n'imigisha bya Allah bibabeho", yarangiza ikareba ibumoso bwayo ikavuga iti: "ASALAAM ALAYKUM WA RAHMATULLAH WA BARAKATUH: Amahoro n'imigisha bya Allah bibabeho."

[Hadithi nziza] [Yakiriwe na Abu Dawudi]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyo yashakaga gusoza iswalat yayo, yavugaga indamutso y'amahoro ikareba iburyo bwayo n'ibumoso bwayo n'uburanga bwayo bwose ikavuga iti: ASALAAM ALAYKUM WA RAHMATULLAH WA BARAKATUH: Amahoro n'imigisha bya Allah bibabeho, hanyuma ikareba ibumoso bwayo n'uburanga bwayo bwose ikavuga iti: ASALAAM ALAYKUM WA RAHMATULLAH WA BARAKATUH: Amahoro n'imigisha bya Allah bibabeho.



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee